

ITANGAZO

IBICIRO BISHYA BYA SERIVISI Z'UMUTUNGO BWITE MU BY'UBWENGE

Urwego Rushinzwe Iterambere mu Rwanda (RDB) ruramenyesha abantu bose, abafite uburenganzira ku mutungo bwite mu by'ubwenge, abasaba serivisi, abunganizi mu by'amategeko n'abandi bafatanyabikorwa bose ko ibiciro bya serivisi zijyanye no kurengera umutungo bwite mu by'ubwenge byavuguruwe, hashingiwe ku **Iteka rya Minisitiri No. 001/MINICOM/26 ryo ku wa 12/10/2026 ryerekeye umutungo bwite mu by'inganda, ingwate isabwa mu gihe cyo gusaba guhagarika ibicuruzwa bikekwa ko ari ibyiganano, n'amafaranga yishyurwa kuri serivisi zo kurengera umutungo bwite mu by'ubwenge.**

Ibiciro bishya **byatangiye gukurikizwa ku wa 13/10/2026** kandi bikurikizwa ku busabe bwose bujyanye n'umutungo bwite mu by'ubwenge **bwashyikirijwe RDB kuri iyo tariki cyangwa nyuma yayo.** Amafaranga yishyuwe hashingiwe ku biciro byari bisanzweho, kuri iyo tariki cyangwa nyuma yayo, ntazafatwa nk'iyishyurwa ryuzuye. Abasabye serivisi bishyuye hakurikijwe ibiciro byari bisanzweho bazasabwa kwishyura ikinyuranyo kiri hagati y'amafaranga bamaze kwishyura n'amafaranga agomba kwishyurwa hakurikijwe ibiciro bishya.

Amafaranga ajyanye n'ubusabe na serivisi z'umutungo bwite mu by'ubwenge azishyurwa hakoreshejwe uburyo busanzwe bwo kwishyura, kuri konti za RDB zikurikira ziri muri **Banki ya Kigali:**

Amazina ya nyiri konti	Nomero ya konti	Ifaranga
RWANDA DEVELOPMENT BOARD RDB	100001110882	RWF
RWANDA DEVELOPMENT BOARD RDB	100001110181	USD

Iteka rya Minisitiri ryavuzwe haruguru riboneka ku rubuga rwa RDB kuri www.rdb.rw, ndetse no mu Igazeti ya Leta No. Idasanzwe yo ku wa 13/10/2026, iboneka ku rubuga rwa Minisiteri y'Ubutabera [hano](#).

Bikorewe i Kigali, ku wa 16/10/2026